



ITANGAZO RY'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO
RY'IMITWE YA POLITIKI KU MATORA Y'ABASENATERI YO MURI NZERI
2024

Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya Politiki ryohereje mu Turere 30 tw'Igihugu, Indorerezi mirongo itandatu n'ebyiri (62) zituruka mu Mitwe ya Politiki cumi n'umwe (11) irigize, zikurikirana imigendekere y'amatora y'Abasenateri batorwa ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali n'Abatorwa muri za Kaminuza za Leta n'izigenga. Aya matora yabaye ku matariki ya 16 na 17 Nzeri 2024.

Indorerezi z'Ihuriro zakoreye ubutumwa bwazo mu matsinda agizwe n'abantu babiri baturuka mu Mitwe ya politiki itandukanye iri mu Ihuriro.

Muri icyo gikorwa, indorerezi z'Ihuriro zahawe ubutumwa bukurikira:

- 1) Kureba ko ibiro by'itora biteguye neza;
- 2) Kureba ko ibikoresho by'amatora biri ku biro by'itora;
- 3) Kureba uko amatora yitabirwa;
- 4) Kureba niba amategeko n'amabwiriza bigenga amatora byubahirizwa;
- 5) Kureba ko uburenganzira bw'abaje gutora bwubahirizwa;
- 6) Kureba muri rusange uko umutekano n'ituze byaranze amatora;
- 7) Kureba ibarura ry'amajwi;
- 8) Kureba uburyo ibyavuye mu matora byakiriwe n'Inteko itora.

Indorerezi z'Ihuriro zakurikiranye ibikorwa by'amatora zishima uburyo yateguwe neza, agakorwa mu mucyo kandi Abanyarwanda n'inzego zinyuranye babigizemo uruhare.

Mu byo indorerezi z'Ihuriro zashimye harimo ibi bukurikira:

- Uburyo Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakoresheje mu korohereza Inteko itora, igashyiraho ibiro by'itora kuri buri Karere no ku mashuri makuru na za Kaminuza, byegerejwe abatora;
- Amatora yatangiye igihe kandi asoza ku gihe;

- Amatora yakozwe mu mucyo, mu bwisanzure, mu ituze no mu mutekano usesuye;
- Amatora yitabiriwe ku buryo bushimishije;
- Ibarura ry'amajwi ryakozwe hakurikijwe amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;
- Ibarura ry'amajwi ryakurikiwe na buri wese wabishatse kandi ibyavuye mu matora byakiriwe neza.

Muri rusange, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki risanga amatora y'Abasenateri yabaye tariki ya 16 na 17 Nzeri 2024 yaragenze neza kandi amategeko n'amabwiriza ayagenga yarubahirijwe.

Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki rirashimira Inteko itora uruhare yagize kugira ngo aya matora agende neza; bikaba bigaragaza intambwe nziza u Rwanda rumaze gutera mu nzira ya Demokarasi Abanyarwanda bahisemo.

Bikorewe i Kigali, ku wa 18 Nzeri 2024.

Hon. MUKAMA Abbas
Umuvugizi w'Ihuriro

